**ITANGAZO KU NGENDO Z'ABANYEHURI BIGA BACUMBIKIRWA MU GIHE BITEGURA GUSUBIRA MU MIRYANGO YABO MU BIRUHUKO BISOZA IGIHEMBWE CYA GATATU**

Hashingiwe ku ngengabihe y'amasomo n'igihe cy'ibiruhuko by'abanyeshuri yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) kiramenyesha abayobozi b'amashuri, abarezi ndetse n'ababyeyi ko abanyeshuri biga bacumbikirwa bazatangira kujya mu biruhuko bisoza igihembwe cya Gatatu guhera ku wa 13/07/2023 kugeza ku wa 16/07/2023.Gahunda y'ingendo kuri abo banyeshuri ikaba iteye ku buryo bukurikira:

**Ku wa kane, tariki ya 13/07/2023, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Nyarugenge, Gasabo na Kicukiro **mu Mujyi wa Kigali**
- Ruhango na Gisagara mu **Ntara y'Amajyepfo**.
- Musanze mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Ngororero mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Rwamagana na Kayonza mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa gatanu, tariki ya 14/07/2023, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Kamonyi na Nyanza mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Burera mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Rubavu na Nyabihu mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Gatsibo na Nyagatare mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku wa gatandatu, tariki ya 15/07/2023, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Huye na Nyaruguru mu **Ntara y'Amajyepfo**
- Rulindo na Gakenke mu **Ntara y'amajyaruguru**
- Rutsiro na Karongi mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Ngoma na Kirehe mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**Ku cyumweru, tariki ya 16/07/2023, hazataha abanyeshuri biga mu bigo by'amashuri biri mu Turere dukurikira:**

- Muhanga na Nyamagabe **mu Ntara y'Amajyepfo**
- Gicumbi mu **Ntara y'Amajyaruguru**
- Nyamasheke na Rusizi mu **Ntara y'Iburengerazuba**
- Bugesera mu **Ntara y'Iburasirazuba**

**ICYITONDERWA:**

- Abayobozi b'ibigo by'amashuri barasabwa kubahiriza ingengabihe y'ingendo uko iteganyijwe, bashaka imodoka hakiri kare mbere y'uko itariki yo gutaha igera, bohereza abana hakiri kare kugira ngo bagere mu miryango yabo butarira kandi bambaye umwambaro w'ishuri;

- Ababyeyi basabwe guha abana babo amafaranga y'urugendo azabageza mu rugo;

- Abashinzwe uburezi mu Turere no mu Mirenge barasabwa gukurikirana igikorwa cyo gucyura abanyeshuri no gukurikirana ko abayobozi b'amashuri baguriye abana amatike y'urugendo ku gihe;

- Mu rwego rwo korohereza abanyeshuri mu ngendo, abanyeshuri bahagurukira i Kigali n'abandi banyura i Kigali berekeza mu zindi Ntara, bazafatira imodoka kuri stade ya ULK zibajyana mu miryango yabo. Nyuma ya saa cyenda (15h00) z'amanywa stade izaba ifunze, nta munyeshuri wemerewe kuza nyuma y'iyo saha yavuzwe haruguru.

Bikorewe i Kigali, ku wa 30/06/ 2023

**Dr.Bernard BAHATI**
Umuyobozi Mukuru

National Examination and School Inspection Authority
P.O. BOX 1382 Kigali, Rwanda
Toll Free No.: 9070
info@nesa.gov.rw
www.nesa.gov.rw